# 23: Umurima w'Iman' ureze

1. Umurima w'Iman' ureze, N'igi he cyo kuwusarura. Mwa basaruzi muze vuba, Gusarur' ibisarurwa bye.

2. Yes' ubu turakwinginga: Wohe rez' abakozi bawe. Baterany' ibyo bisarurwa, Babigushyikirize Mwami.

3. Ubazindure kare cyane, Kand' abandi mu gica munsi. No mu gihe cy'umugoroba, Yes' ubahamagare bose.

4. Urahamagawe Mukristo, Genda vuba udakererwa. Kandi wubur' amaso yawe, Kuk' Umwami Yes' aza vuba.

5. Muze mwese duhaguruke, Dukorer' uwaducunguye. Hasigaye umwanya muto, Akaza kutugororera.

Visit us at indirimbo.com